**Umwaka wa 63**
**Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 26/07/2024**

**Year 63**
**Official Gazette n° Special of 26/07/2024**

**63ème Année**
**Journal Officiel n° Spécial du 26/07/2024**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

***Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora***

**Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 002/24 yo ku wa 26/07/2024** agenga amatora y'abajyanama b'Uumujyi wa Kigali yo mu mwaka wa 2024 .................... 2

**Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 003/24 yo ku wa 26/07/2024** agenga itora ry'Abasenateri ryo mu mwaka wa 2024 .................... 37

REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Ingingo ya 2: Isobanura**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

**UMUTWE WA II: ILISITI Y'INTEKO ITORA, ABAYOBORA AMATORA, N'IBIKORESHO BY'ITORA**

**Icyiciro cya mbere: Ilisiti y'inteko itora**

**Ingingo ya 4: Ilisiti y'inteko itora abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri karere**

**Ingingo ya 5: Ilisiti y'inteko itora Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 6: Ilisiti y'inteko itora Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

**Icyiciro cya 2: Abayobora amatora n'inshingano zabo**

**Ingingo ya 7: Abayobora amatora**

**Ingingo ya 8: Ishyirwaho ry'abakorerabushake b'amatora**

**Ingingo ya 9: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora**

**Ingingo ya 10: Inshingano z'abaseseri mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 11: Indahiro y'abayobora amatora**

**Icyiciro cya 3: Ibikoresho by'itora n'ibikwa ryabyo**

**Ingingo ya 12: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 13: Ibikwa ry'impapuro z'itora**

**Ingingo ya 14: Ibikwa ry'ibikoresho by'itora**

**UMUTWE WA III: ITANGWA N'IYEMEZWA BYA KANDIDATIRE, N'IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA**

**Icyiciro cya mbere: Itangwa n'iyemezwa bya kandidatire**

**Ingingo ya 15: Igihe cy'itangwa rya kandidatire**

**Ingingo ya 16: Uburyo bwo gutanga no kwakira kandidatire**

**Ingingo ya 17: Ibigize kandidatire**

**Ingingo ya 18: Iyemezwa rya Kandidatire**

**Ingingo ya 19: Itangazwa rya kandidatire zemejwe by'agateganyo**

**Ingingo ya 20: Kuzuza ibisabwa muri kandidatire zitemejwe by'agateganyo**

**Ingingo ya 21: Itangazwa ry'urutonde ntakuka rw'abakandida**

**Ingingo ya 22: Gukuramo kandidatire**

**Icyiciro cya 2: Ibikorwa byo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 23: Igihe ibikorwa byo kwiyamamaza bimara**

**Ingingo ya 24: Igihe kigenerwa abakandida cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora**

**Ingingo ya 25: Ibibujijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 26: Gukemura ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza**

**UMUTWE WA IV: ITORA NYIRIZINA, IBARURA RY'AMAJWI, N'ITANGAZWA RY'IBYAVUYE MU ITORA**

**Icyiciro cya mbere: Ibirebana n'itora nyirizina**

**Ingingo ya 27: Igenwa n'imenyekanisha ry'ahatorerwa**

**Ingingo ya 28: Ibibujijwe mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 29: Imiterere y'urupapuro rw'itora**

**Ingingo ya 30: Ibyangombwa umuntu uje gutora yitwaza**

**Ingingo ya 31: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**
**Ingingo ya 32: Ibikorwa mbere yo gutangira gutora**

**Ingingo ya 33: Gufunga agasanduku k'itora**

**Ingingo ya 34: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora**

**Ingingo ya 35: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 36: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora**

**Ingingo ya 37: Imitunganyirize y'amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 38: Imitunganyirize y'amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 39: Uburyo bwo gutora abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 40: Uburyo bwo gutora abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 41: Uburyo bwo gutora abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

**Icyiciro cya 2: Ibarura ry'amajwi n'itangazwa ry'ibyavuye mu itora**

**Ingingo ya 42: Igihe kubarura amajwi bitangirira**

**Ingingo ya 43: Ijwi rifatwa nk'imfabusa**

**Ingingo ya 44: Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida**

**Ingingo ya 45: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 46: Abatsinze amatora**

**Ingingo ya 47: Uburyo bwo gutangaza ibyavuye mu itora**

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 48: Ishyirwaho ry'inyandiko za ngombwa**

**Ingingo ya 49: Gutangira gukurikizwa**

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024**

**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,**

Ashingiye ku Itegeko Ngenga nº 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 10, iya 24, iya 25, iya 26, iya 28, iya 34, iya 39, iya 40, iya 41, iya 42, iya 43, iya 46, iya 50, iya 54, iya 55, iya 132, n'iya 134, n'iya 139;

Inama y'Abakomiseri, yateranye ku wa 18/07/2024, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agena ibi bikurikira birebana n'amatora y'Abajyanama b'Umujyi wa Kigali:

(a) ishyirwaho ry'abakorerabushake b'itora n'inshingano zabo;

(b) itangwa n'iyakirwa rya kandidatire;

(c) uburyo kandidatire zemewe zitangazwamo;

(d) uburyo gukuramo kandidatire bikorwa;

(e) uburyo n'imigendekere y'ibikorwa byo kwiyamamaza;

(f) uburyo gutora bikorwamo;

(g) imiterere y'urupapuro rw'itora n'agasanduku k'itora;

(h) imigendekere y'ibikorwa by'itora;

(i) ikusanywa n'ibikwa ry'ibikoresho by'amatora;

(j) uburyo kumenyekanisha no gutangaza ibyavuye mu itora bikorwa.

**Ingingo ya 2: Isobanura**

Muri aya mabwiriza:

**ilisiti y'inteko itora** » bivuga inyandiko ikubiyemo umwirondoro w'abantu bemerewe gutora mu matora y'abajyanama b'Umujyi wa Kigali;

**K**
**o**
**m**
**i**
**s**
**i**
**y**

bivuga umukomiseri wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza areba –

(a) itorwa ry'abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri Karere;

(b) itorwa rya Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

(c) n'itorwa rya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.

**<u>UMUTWE WA II</u>: ILISITI Y'INTEKO ITORA, ABAYOBORA AMATORA, N'IBIKORESHO BY'ITORA**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ilisiti y'inteko itora**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ilisiti y'inteko itora abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri karere**

(1) Inteko itora abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri karere igizwe n'abagize Inama Njyanama z'imirenge igize ako karere.

(2) Ilisiti y'inteko itora abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri karere itegurwa n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'akarere bireba.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Ilisiti y'inteko itora Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

(1) Inteko itora Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali igizwe n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

(2) Ilisiti y'inteko itora Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali itegurwa n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ilisiti y'inteko itora Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

(1) Inteko itora Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali igizwe n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'abagize Inama Njyanama z'imirenge igize Umujyi wa Kigali.

(2) Ilisiti y'inteko itora Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali itegurwa n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Abayobora amatora n'inshingano zabo**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Abayobora amatora**

Abayobora amatora ni –

(a) abakomiseri;

(b) abakozi ba Komisiyo;

(c) n'abakorerabushake b'amatora.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ishyirwaho ry'abakorerabushake b'amatora**

Abakorerabushake b'amatora bashyirwaho n'Inama y'Abakomiseri, ibatoranyije mu bakorerabushake basanzwe bayobora amatora bakorewe isuzuma.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora**

Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ni izi zikurikira:

(a) guhuza no kuyobora imirimo y'amatora;

(b) kuyobora abaseseri;

(c) kwakira no gukurikirana imikoreshereze y'ibikoresho by'amatora;

(d) kuyobora no guha ibisobanuro abaje gutora;

(e) kuzuza no gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'amatora;

(f) guharanira ituze mu cyumba cy'itora;

(g) kugenzura ko abaje gutora bujuje ibisabwa kugira ngo bemererwe gutora, nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

(h) gukemura impaka zavuka mu cyumba cy'itora;

(i) gufunga no gufungura agasanduku k'itora afatanyije n'abaseseri;

(j) gushyikiriza Perezida wa Komisiyo ibyavuye mu matora.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'abaseseri mu cyumba cy'itora**

Inshingano z'abaseseri mu cyumba cy'itora, ni izi zikurikira:

(a) kwakira no gukoresha neza ibikoresho by'itora;

(b) gutunganya icyumba cy'itora;

(c) gutunganya ubwihugiko bukoreshwa mu matora;

(d) kwakira abaje gutora no kubaha ibisobanuro, hubahirizwa amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

(e) kugenzura ko uje gutora ari mu bagize inteko itora;

(f) kubarura amajwi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

(g) gutegura no gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'amatora, hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

**Ingingo ya 11: Indahiro y'abayobora amatora**

(1) Mbere yo gutangiza itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri barahirira imbere y'abantu bahageze.

(2) Abamaze kurahira bose bashyira umukono ku nyandiko y'indahiro yabo.

(3) Imiterere y'indahiro y'abayobora amatora iri ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza.

**Icyiciro cya 3: Ibikoresho by'itora n'ibikwa ryabyo**

**Ingingo ya 12: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora**

Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora ni ibi bikurikira:

(a) agasanduku k'itora n'umufuniko wako;

(b) imigozi yo gufunga agasanduku k'itora;

(c) ilisiti y'inteko itora;

(d) impapuro z'itora zitari munsi y'umubare w'abari ku ilisiti y'inteko itora;

(e) *tampon spécial* nibura zingana n'ubwihugiko buri mu cyumba;

(f) impapuro zibarurirwaho amajwi;

(g) imigereka iteganywa n'aya mabwiriza yuzuzwa ku munsi w'itora;

(h) marikeri;

(i) umukasi;

(j) amakaramu;

(k) n'ibindi byakenerwa.

**Ingingo ya 13: Ibikwa ry'impapuro z'itora**

Iyo ibarura ry'amajwi rirangiye, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora akusanya impapuro zatoreweho n'izitatoreweho mu cyumba cy'itora, akazibika mu gasanduku k'itora, akagafunga.

**Ingingo ya 14: Ibikwa ry'ibikoresho by'itora**

Iyo itora rirangiye, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora akusanya ibikoresho by'itora byakoreshejwe n'ibitakoreshejwe, akabikorera inyandiko igaragaza ubwoko n'umubare w'ibikoresho bishobora kuzakoreshwa mu matora ataha. Iyo amaze kubikusanya, abishyikiriza umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere kugira ngo abibike.

## UMUTWE WA III: ITANGWA N'IYEMEZWA BYA KANDIDATIRE, N'IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA

### Icyiciro cya mbere: Itangwa n'iyemezwa bya kandidatire

#### Ingingo ya 15: Igihe cy'itangwa rya kandidatire

(1) Komisiyo imenyesha igihe ntarengwa cyo kuyishyikiriza kandidatire ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

(2) Gutanga kandidatire ku mwanya wo muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bikorwa, mu magambo, ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora.

(3) Gutanga kandidatire ku mwanya wo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali bikorwa, mu magambo, ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora.

#### Ingingo ya 16: Uburyo bwo gutanga no kwakira kandidatire

(1) Kandidatire ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali zishyikirizwa Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali mu minsi no mu masaha y'akazi. Kandidatire ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ishobora kandi koherereza Komisiyo mu buryo bw'ikoranabuhanga binyuze ku murongo wa imeyili unyuzwaho kandidatire. Umuntu utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakirwa rya kandidatire ye.

(2) Kandidatire ku mwanya wo muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali no ku mwanya wo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali ishobora gutangwa n'umuntu ku giti cye cyangwa igatangwa nibura n'umwe mu bagize inteko itora, ikakirwa n'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora.

#### Ingingo ya 17: Ibigize kandidatire

(1) Ibigize kandidatire ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ni ibi bikurikira:

(a) ibaruwa yandikiwe Perezida wa Komisiyo igaragaza akarere utanze kandidatire yifuza gutorerwamo;

(b) inyandiko ikubiyemo umwirondoro we igaragaza –

(i) amazina nk'uko yanditswe ku ikarita ndangamuntu ye;

(ii) itariki y'amavuko;

(iii) aho yavukiye;

(iv) aho abarizwa;

(v) umurimo akora;

(c) amafoto abiri magufi y'amabara afite imbuganyuma y'ibara ry'umweru;

(d) icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu, gitangwa n'Ubushinjacyaha Bukuru;

(e) kopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;

(f) kopi y'impamyabumenyi cyangwa iy'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri;

(g) inyandiko uwifuza kuba umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko zose yatanze ari ukuri.

(2) Uwifuza kuba umukandida ku mwanya wo muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa ku mwanya wo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali amenyesha, mu magambo, inteko itora amazina ye n'umwanya yiyamamazaho.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Iyemezwa rya Kandidatire**

(1) Kandidatire ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali zemezwa n'Inama y'Abakomiseri ba Komisiyo.

(2) Kandidatire ku mwanya wo muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa ku mwanya wo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali zemezwa na Perezida wa Komisiyo cyangwa uwo yabihereye ububasha.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Itangazwa rya kandidatire zemejwe by'agateganyo**

Komisiyo itangaza urutonde rw'abakandida bemejwe n'Abatemejwe by'agateganyo ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, ku wa 03 Kanama 2024.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Kuzuza ibisabwa muri kandidatire zitemejwe by'agateganyo**

Uwatanze kandidatire ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ntiyemezwe by'agateganyo ashobora kuzuza ibibura muri kandidatire ye bitarenze ku wa 05 Kanama 2024 saa cyenda z'umugoroba.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Itangazwa ry'urutonde ntakuka rw'abakandida**

Komisiyo itangaza urutonde ntakuka rw'abakandida bemerewe kwiyamamaza ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, ku rubuga rwa

murandasi rwa Komisiyo, ku wa 05 Kanama 2024.

**Ingingo ya 22: Gukuramo kandidatire**

(1) Umukandida ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali wifuza gukuramo kandidatire ye abimenyesha mu nyandiko Perezida wa Komisiyo.

(2) Iyo gukuramo kandidatire bikozwe urupapuro rw'itora rwarangije gukorwa, urwo rupapuro rukomeza kugira agaciro, ariko Komisiyo ikabimenyesha abatora ikoresheje itangazo imanika mu cyumba cy'itora n'ubundi buryo bwo kumenyesha bushoboka.

**Icyiciro cya 2: Ibikorwa byo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 23: Igihe ibikorwa byo kwiyamamaza bimara**

(1) Ibikorwa byo kwiyamamaza ku mwanya w'Umujyanama uhagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bitangira ku wa 13 Kanama 2024 bikarangira ku wa 16 Kanama 2024.

(2) Ibikorwa byo kwiyamamaza ku mwanya wo muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa ku mwanya wo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali bikorwa ku munsi w'itora imbere y'inteko itora.

**Ingingo ya 24: Igihe kigenerwa abakandida cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora**

Abakandida bagenerwa igihe kingana kandi kitarenze iminota icumi cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora.

**Ingingo ya 25: Ibibujijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza**

Ibibujijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza ni ibi bikurikira:

(a) gukoresha umutungo wa Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko;

(b) gutanga cyangwa kwakira ruswa;

(c) gukora cyangwa kuvuga icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;

(d) gushingira ku ivangura cyangwa ku macakubiri;

(e) gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;

(f) kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

(g) guca, kwangiza, cyangwa gusibanganya ifoto y'undi mukandida n'ikindi cyose kimwamamaza;

(h) kwiyamamariza ahantu hatamenyeshejwe ubuyobozi nk'uko biteganywa n'amategeko

n'amabwiriza bigenga amatora;

(i) guhamagarira abaturage gukora igikorwa cyangwa kugira imyifatire byahungabanya imigendekere myiza y'amatora;

(j) gukoresha ibirango by'Igihugu ku mafoto cyangwa ku nyandiko byamamaza umukandida;

(k) gukoresha ibirango by'Umutwe wa Politiki ku mafoto cyangwa ku nyandiko byamamaza umukandida;

(l) kwiyamamaza mu izina ry'Umutwe wa politiki;

(m) kwiyamamaza hakoreshejwe imbuga za murandasi cyangwa imbuga nkoranyambaga z'inzego za Leta cyangwa iz'ibigo bigamije inyungu rusange.

**Ingingo ya 26: Gukemura ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, iyo havutse ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza, abakandida bashobora kubishyikiriza Komisiyo. Iyo ibyo bibazo bidakemutse ku rwego rwa Komisiyo, uruhande rubifitemo inyungu rushobora kubiregera urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA IV: ITORA NYIRIZINA, IBARURA RY'AMAJWI, N'ITANGAZWA RY'IBYAVUYE MU ITORA**

**Icyiciro cya mbere: Ibirebana n'itora nyirizina**

**Ingingo ya 27: Igenwa n'imenyekanisha ry'ahatorerwa**

Komisiyo igena ahantu itora ribera ikahamenyesha by'umwihariko abakandida n'abagize Inteko itora.

**Ingingo ya 28: Ibibujijwe mu cyumba cy'itora**

Ibikorwa bikurikira birabujijwe mu cyumba cy'itora:

(a) kwinjira mu bwihugiko mu masaha yo gutora utagiye gutora. Icyakora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ashobora kwinjira mu bwihugiko iyo nta muntu utora urimo hagamijwe kureba ko ibikoresho by'itora bikiri mu mwanya wabyo;

(b) gufotorera mu bwihugiko umuntu urimo gutora;

(c) gufotora urupapuro rw'itora rwatoreweho.

**Ingingo ya 29: Imiterere y'urupapuro rw'itora**

(1) Urupapuro rw'itora rutorerwaho abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali rufite ibara ry'umweru kandi ruriho ibi bikurikira:

(a) amazina y'umukandida;

(b) ifoto y'umukandida;

(c) n'umwanya wagenewe guterwamo igikumwe cyangwa kuvivurwamo mu gihe cyo gutora.

(2) Amazina y'abakandida ku mwanya w'abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali atondekwa ku rupapuro rw'itora hakurikijwe uko kandidatire zabo zakurikiranye zakirwa.

(3) Urupapuro rw'itora rutorerwaho abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali rufite ibara ry'umweru kandi ruriho kashe ya Komisiyo.

(4) Urupapuro rw'itora rutorerwaho abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali rufite ibara ry'umweru kandi ruriho kashe ya Komisiyo.

**Ingingo ya 30: Ibyangombwa umuntu uje gutora yitwaza**

Umuntu uri mu bagize inteko itora uje gutora yitwaza ikarita ndangamuntu ye cyangwa icyangombwa kiyisimbura cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 31: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**

(1) Ibikorwa by'amatora y'abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bitangira saa mbiri za mu gitondo kandi hari nibura kimwe cya kabiri cy'umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora.

(2) Ibikorwa by'amatora y'abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bisozwa saa sita z'amanywa, ariko bishobora gusozwa mbere ya saa sita z'amanywa iyo abagize inteko itora bose bamaze gutora.

(3) Icyakora, iyo saa sita z'amanywa zigeze kimwe cya kabiri cy'abagize inteko itora abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kitaruzura, itora rirasubikwa rigasubukurwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi uhereye ku munsi itora risubikiweho.

(4) Ibikorwa by'amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bitangira nyuma y'irahira ry'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

(5) Ibikorwa by'amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali bitangira nyuma y'isozwa ry'amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 32: Ibikorwa mbere yo gutangira gutora**

Mbere yo gutangira gutora, abayobora amatora bakora mu buryo bukurikiranye ibikorwa bikurikira:

(a) kugenzura ko umubare wa ngombwa uhari kugira ngo itora ritangire;

(b) kurahira;

(c) gusobanura muri make uko amatora ari bugende;

(d) gufungura agasanduku k'itora no kwereka abaturage ko nta kintu kirimo;

(e) gufunga agasanduku k'itora;

(f) kugenzura ko ibikoresho by'amatora biri mu mwanya wabyo;

(g) kubarura impapuro z'itora ziri mu cyumba cy'itora;

(h) kuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

**Ingingo ya 33: Gufunga agasanduku k'itora**

(1) Mbere yo gutangira itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bafunga agasanduku k'itora mu mpande enye bakoresheje imigozi yabugenewe.

(2) Iyo itora rirangiye, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bafunga agasanduku k'itora mu mwanya wanyuzwagamo impapuro z'itora bakoresheje umugozi wabugenewe.

**Ingingo ya 34: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora**

(1) Nyuma yo gufunga agasanduku k'itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

(2) Imiterere y'inyandikomvugo itangiza itora iri ku mugereka wa 2 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 35: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora mu cyumba cy'itora**

(1) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bakora inyandikomvugo isoza itora mu cyumba bashinzwe. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 3 w'aya mabwiriza.

(2) Iyo inyandikomvugo isoza itora imaze gukorwa, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afungira mu ruhame agasanduku k'itora batoreyemo.

(3) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri begeranya –

(a) umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora;

(b) umubare w'abantu batoye;

(c) umubare w'abantu batatoye;

(d) umubare w'impapuro z'itora zakoreshejwe muri icyo cyumba;

(e) n'umubare w'impapuro z'itora zitakoreshejwe muri icyo cyumba.

**Ingingo ya 36: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora**

Urupapuro rw'itora rubanza kuzingwa mu burebure, hanyuma mu bugari bwarwo. Utora ahabwa urupapuro rurambuye ariko rugaragaza inzira y'imizingire yarwo.

**Ingingo ya 37: Imitunganyirize y'amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

(1) Kuri buri mwanya wo muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, hatorwa Umukandida umwe mu biyamamaje, amatora akurikirana ku buryo bukurikira:

(a) Perezida w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

(b) Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

(c) n'Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

(2) Iyo Perezida na Visi Perezida batowe ari abagabo, ku mwanya w'Umunyamabanga hatorwa umugore.

(3) Umukandida wiyamamaje ku mwanya ubanza ntatorwe ashobora no kwiyamamaza ku mwanya ukurikira.

**Ingingo ya 38: Imitunganyirize y'amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

(1) Kuri buri mwanya wo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, hatorwa umukandida umwe mu biyamamaje, amatora akurikirana ku buryo bukurikira:

(a) Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;

(b) Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe imiturire n'ibikorwa remezo;

(c) Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe ubukungu n'imibereho y'abaturage.

(2) Iyo Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe imiturire n'ibikorwa remezo batowe ari abagabo, umwanya w'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe ubukungu n'imibereho y'abaturage, hatorwa umugore.

(3) Umukandida wiyamamaje ku mwanya ubanza ntatorwe ashobora no kwiyamamaza ku mwanya ukurikira.

**Ingingo ya 39: Uburyo bwo gutora abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

(1) Iyo utora amaze guhabwa urupapuro rw'itora, yinjira mu bwihugiko, agatera igikumwe cyangwa akavivura n'ikaramu mu kazu kabugenewe gakurikira ifoto y'Umukandida ahisemo.

(2) Utora ahitamo abantu babiri, umugore umwe n'umugabo umwe.

(3) Iyo utora amaze gutora, azinga urupapuro rw'itora, mbere yo gusohoka mu bwihugiko, akajya gushyira mu gasanduku k'itora urupapuro yatoreyeho.

**Ingingo ya 40: Uburyo bwo gutora abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

Itora rikorwa mu ibanga, utora yandika amazina y'umukandida ahisemo mu bakandida biyamamaje ku mwanya utorerwa muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 41: Uburyo bwo gutora abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

Itora rikorwa mu ibanga, utora yandika amazina y'Umukandida ahisemo mu bakandida biyamamaje ku mwanya utorerwa muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.

**Icyiciro cya 2: Ibarura ry'amajwi n'itangazwa ry'ibyavuye mu itora**

**Ingingo ya 42: Igihe kubarura amajwi bitangirira**

Abayoboye itora batangira igikorwa cyo kubarura amajwi itora rigisoza.

**Ingingo ya 43: Ijwi rifatwa nk'imfabusa**

Ijwi rifatwa nk'imfabusa iyo urupapuro rw'itora –

(a) rudahuye n'urupapuro rw'itora rwagenwe;

(b) ruriho ibimenyetso binyuranye n'ibyateganyijwe gukoreshwa;

(c) rutagaragaza bihagije umukandida watowe;

(d) uwatoye yarwimenyekanishijeho;

(e) rwashyizwe mu gasanduku k'itora ariko rutatoreweho;

(f) rwanditseho ibindi bintu;

(g) rwatoreweho umukandida wakuyemo kandidatire ye cyangwa wahagaritswe;

(h) uwatoye yateye igikumwe cyangwa yavivuye hagati y'abakandida babiri;
(i) rwatoreweho abagabo barenze umwe cyangwa abagore barenze umwe;

(j) uwatoye yanditse ku rupapuro rw'itora amazina y'abakandida barenze umwe.

**Ingingo ya 44: Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida**

(1) Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida ku mwanya w'abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, iyo uwatoye yateye igikumwe cyangwa akavivura –

(a) mu kazu kabugenewe;

(b) mu kazu kanditswemo izina ry'umukandida;

(c) cyangwa mu kazu karimo ifoto y'umukandida.

(2) Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida ku mwanya w'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, iyo uwatoye yanditse amazina y'umukandida umwe ku rupapuro rw'itora.

(3) Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida ku mwanya w'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, iyo uwatoye yanditse amazina y'umukandida umwe ku rupapuro rw'itora.

**<u>Ingingo ya 45</u>: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora**

(1) Nyuma yo kubarura amajwi no kuzuza inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora amenyekanisha ibi bikurikira:

(a) umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora y'icyo cyumba;

(b) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho;

(c) umubare w'amajwi buri mukandida yabonye;

(d) umubare w'impapuro z'itora zabaye imfabusa;

(e) umubare w'impapuro z'itora zitatoreweho.

(2) Imiterere y'inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora iri ku mugereka wa 4 w'aya mabwiriza.

(3) Inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora yuzuzwa muri kopi ebyiri. Kopi imwe umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ayishyira mu gasanduku k'itora indi akayishyikiriza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali.

**<u>Ingingo ya 46</u>: Abatsinze amatora**

(1) Mu matora y'abajyanama bahagararira akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, abakandida babiri ba mbere, umugore n'umugabo barushije abandi amajwi nibo baba batowe.

(2) Mu matora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, umukandida warushije abandi amajwi ku mwanya watorewe ni we uba yatowe.

(3) Mu matora y'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, umukandida warushije abandi amajwi ku mwanya watorewe ni we uba yatowe.

(4) Iyo hari abakandida banganyije amajwi amatora asubirwamo hagati y'abanganyije amajwi. Iyo bongeye kunganya, hakoreshwa tombola hagati yabo kugira ngo

hamenyekane uwatowe. Uyoboye itora ategura udupapuro tungana n'umubare w'abanganyije amajwi, yandika "YEGO" kuri kamwe, udusigaye akatwandikaho "OYA". Utwo dupapuro dushyirwa ahagaragara kugira ngo buri mukandida mu banganyije amajwi ahitemo kamwe. Umukandinda wahisemo akanditseho "YEGO" ni we uba yatsinze.

**Ingingo ya 47: Uburyo bwo gutangaza ibyavuye mu itora**

Iyo kubarura amajwi birangiye Perezida wa Komisiyo cyangwa undi yabihereye ububasha atangaza ibyavuye mu itora.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 48: Ishyirwaho ry'inyandiko za ngombwa**

Inama y'Abakomiseri ishobora gushyiraho izindi nyandiko za ngombwa hagamijwe imigendekere myiza y'amatora.

**Ingingo ya 49: Gutangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

| |
|---|
| Kigali, ku wa 26/07/2024<br><br>(sé)<br><br>**GASINZIGWA Oda**<br>Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**UMUGEREKA WA MBERE W'AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

## INDAHIRO Y'ABAYOBORA AMATORA

« Njyewe, …..................... ..........................................................................................................,
ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda ;

ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;

ko nzaharanira uburenganzira bw`ibanze bwa muntu n`ibyagirira

Abanyarwanda bose akamaro;

ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;

ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;

ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.

Imana ibimfashemo ».

| |
|---|
| Kigali, ku wa 26/07/2024<br><br>(sé)<br><br>**GASINZIGWA Oda**<br>Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**Umujyi wa Kigali**

**Akarere: ........................................................**

**Itariki: ...........................................................**

| N° | Amazina | Inomero y'indangamuntu | Icyo ashinzwe | Inomero ya telefoni | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | | | | | |
| 2. | | | | | |
| 3. | | | | | |
| 4. | | | | | |
| 5. | | | | | |
| 6. | | | | | |
| 7. | | | | | |
| 8. | | | | | |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nº 002/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga amatora y'abajyanama b'Umujyi wa Kigali yo mu mwaka wa 2024**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 26/07/2024<br><br>(sé)<br><br>**GASINZIGWA Oda**<br>Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**UMUGEREKA WA 2 W'AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

---

## INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA MU CYUMBA CY'ITORA

**ITORA RYA: ..........................................................**

**Umujyi wa Kigali: ............................**
**Akarere: ........................................................**
**Itariki: ...........................................................**

Twebwe, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri, dutangije itora mu cyumba cy'itora ku buryo bukurikira :

1. Twagenzuye ugasanduku k'itora dusanga nta mpapuro zirimo.
2. Umubare w'abanditswe ku ilisiti y'inteko itora y'icyumba cy'itora:
3. Umubare w'impapuro z'itora twahawe:
4. Itora ritangiye saa:

| **Amazina** | **Icyo ashinzwe** | **Umukono** |
|---|---|---|
| | Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora | |
| | Umuseseri | |
| | Umuseseri | |
| | Umuseseri | |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 002/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga amatora y'abajyanama b'Umujyi wa Kigali yo mu mwaka wa 2024**

<table>
<tr><td>Kigali, ku wa 26/07/2024<br><br>(sé)<br><br><br>GASINZIGWA Oda<br>Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora</td></tr>
<tr><td>Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:<br><br>(sé)<br><br><br>Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta</td></tr>
</table>

**UMUGEREKA WA 3 W'AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA**

**ITORA RYA...........................................................**

**Umujyi wa Kigali: ........................................**
**Akarere: ........................................................**
**Itariki: ...........................................................**

Twebwe, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri, tumaze kubona ko ari saa ............., abagize inteko itora bahari bose barangije gutora, dusoje itora ryaberaga hano.

| **Amazina** | **Icyo ashinzwe** | **Umukono** |
|---|---|---|
| | Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora | |
| | Umuseseri | |
| | Umuseseri | |
| | Umuseseri | |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 002/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga amatora y'abajyanama b'Umujyi wa Kigali yo mu mwaka wa 2024**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 26/07/2024<br><br>(sé)<br><br>**GASINZIGWA Oda**<br>Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**UMUGEREKA WA 4 W’AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y’IGIHUGU Y’AMATORA N° 002/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA AMATORA Y’ABAJYANAMA B’UMUJYI WA KIGALI YO MU MWAKA WA 2024**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

---

**INYANDIKOMVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'ITORA**

**ITORA RYA.........................................................**

**Umujyi wa Kigali: ............................**

**Akarere: ........................................................**

**Itariki: ...........................................................**

Twebwe umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri mu cyumba cy'itora, tumaze gusoza itora no kubarura amajwi y'abatoreye mu cyumba dushinzwe, dusanze:

**A. Ibijyanye n'itora n'impapuro z'itora:**

1. Umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora y'icyumba cy'itora:

| | Gore | Gabo | Igiteranyo |
|---|---|---|---|
| Umubare | | | |
| Ijanisha (%) | | | |

2. Umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora batoye:

| | Gore | Gabo | igiteranyo |
|---|---|---|---|
| Umubare | | | |
| Ijanisha (%) | | | |

3. Umubare w'impapuro z'itora twahawe:

| |
|---|
| |

4. Umubare w'abantu batoye neza:

| | |
|---|---|
| Umubare | |
| Ijanisha (%) | |

5. Umubare w'impapuro z'itora zabaye imfabusa:

| Umubare |
|---|
| |

| Ijanisha (%) |
|---|
| |

6. Umubare w'impapuro z'itora zitatoreweho:

| Umubare |
|---|
| |

| Ijanisha (%) |
|---|
| |

B. **Ibijyanye n'amajwi ya buri mukandida**

| **Inomero** | **Amazina y'umukandida** | **Umubare w'amajwi yabonye** | **Ijanisha ry'amajwi yabonye (%)** |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 4 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |
| 10 | | | |

**C. Ibibazo byagaragaye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora:**

1.........................................................................................................................................

2..........................................................................................................................................

3........................................................................................................................................

| **Amazina** | **Icyo ashinzwe** | **Umukono** |
|---|---|---|
| | Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora | |
| | Umuseseri | |
| | Umuseseri | |
| | Umuseseri | |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 002/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga amatora y'abajyanama b'Umujyi wa Kigali yo mu mwaka wa 2024**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 26/07/2024<br><br>(sé)<br><br>**GASINZIGWA Oda**<br>Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 003/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA ITORA RY'ABASENATERI RYO MU MWAKA WA 2024

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 003/2024 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA ITORA RY'ABASENATERI RYO MU MWAKA WA 2024**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Ingingo ya 2: Isobanura**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

**UMUTWE WA II: ILISITI Y'INTEKO ITORA**

**Ingingo ya 4: Itegurwa ry'ilisiti y'inteko itora Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu**

**Ingingo ya 5: Itegurwa ry'ilisiti y'inteko itora Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru**

**Ingingo ya 6: Igihe cyo gutangaza ilisiti y'inteko itora**

**Ingingo ya 7: Ikosorwa ry'ilisiti y'inteko itora**

**UMUTWE WA III: ABAYOBORA AMATORA N'ABANDI BAGIRA URUHARE MU MATORA**

**Icyiciro cya mbere: Abayobora amatora n'inshingano zabo**

**Ingingo ya 8: Abayobora amatora**

**Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'abakorerabushake b'amatora**

**Ingingo ya 10: Abayobora amatora mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 11: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora**

**Ingingo ya 12: Inshingano z'umuseseri wa mbere**

**Ingingo ya 13: Inshingano z'umuseseri wa kabiri**

**Ingingo ya 14: Inshingano z'umuseseri wa gatatu**

**Icyiciro cya 2: Indorerezi z'itora**

**Ingingo ya 15: Indorerezi z'itora zituruka imbere mu Gihugu**

**Ingingo ya 16: Indorerezi z'itora ziturka hanze y'Igihugu**

**Ingingo ya 17: Ibisabwa urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora**

**Ingingo ya 18: Ibishingirwaho mu kohereza indorerezi z'itora**

**Ingingo ya 19: Igihe cyo gusaba no kwemererwa kw'indorerezi z'itora**

**Ingingo ya 20: Ibiranga indorerezi y'itora**

**Ingingo ya 21: Kwamburwa uruhushya rwo kuba indorerezi y'itora**

**Ingingo ya 22: Itangira n'isozwa ry'imirimo y'indorerezi y'itora**

**Icyiciro cya 3: Abahagarariye abakandida mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 23: Abemerewe guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 24: Gusaba uburenganzira bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 25: Guhabwa uburenganzira bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 26: Ibiranga uhagarariye umukandida mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 27: Ibibujijwe uhagarariye umukandida mu cyumba cy'itora**

**UMUTWE WA IV: ITANGWA RYA KANDIDATIRE N'ITANGAZWA RYA KANDIDATIRE ZEMEWE**

**Ingingo ya 28: Igihe cy'itangwa rya kandidatire**

**Ingingo ya 29: Uburyo bwo gutanga no kwakira kandidatire**

**Ingingo ya 30: Ibigize kandidatire**

**Ingingo ya 31: Itangazwa rya kandidatire zemejwe burundu**

**Ingingo ya 32: Gukuramo kandidatire**

**UMUTWE WA V: IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA**

**Ingingo ya 33: Gahunda n'ahakorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 34: Igihe kigenerwa abakandida cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora**

**Ingingo ya 35: Abemerewe kwamamaza umukandida**

**Ingingo ya 36: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida**

**Ingingo ya 37: Ibyitabwaho mu kumanika ibyamamaza abakandida**

**Ingingo ya 38: Ahemerewe kumanikwa ibyamamaza abakandida**

**Ingingo ya 39: Ahatemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida**

**Ingingo ya 40: Ibibujijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 41: Gukemura ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza**

**UMUTWE WA VI: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA**

**Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'ahakorerwa itora**

**Ingingo ya 42: Imenyekanisha ry'ibyumba by'itora**

**Ingingo ya 43: Ahakorerwa itora ry'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu**

**Ingingo ya 44: Ahakorerwa itora ry'Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru**

**Ingingo ya 45: Itegurwa ry'ahatorerwa**

**Ingingo ya 46: Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora mu gihe cy'itora**

**Ingingo ya 47: Ibibujijwe mu cyumba cy'itora**

**Icyiciro cya 2: Ibikoresho by'amatora**

**Ingingo ya 49: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 50: Imiterere y'urupapuro rw'itora**

**Icyiciro cya 3: Ibireba abatora, igihe n'imihango yubahirizwa mu itora**

**Ingingo ya 51: Ibyangombwa umuntu uje gutora yitwaza**

**Ingingo ya 52: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**

**Ingingo ya 53: Igihe ntarengwa cyo kongera igihe cy'itora**

**Ingingo ya 54: Isaha abayobora amatora bagerera mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 55: Ibikorwa mbere yo gutangira gutora**

**Ingingo ya 56: Indahiro y'abayobora amatora**

**Ingingo ya 57: Gusobanura uko amatora agenda**

**Ingingo ya 58: Gufunga agasanduku k'itora**

**Ingingo ya 59: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora**

**Ingingo ya 60: Abemererwa gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora**

**Ingingo ya 61: Iyongerwa ry'igihe cyo gutangira cyangwa gusoza itora**

**Ingingo ya 62: Isubikwa ry'itora**

**Ingingo ya 63: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora mu cyumba cy'itora**

**Icyiciro cya 4: Uburyo gutora bikorwa**

**Ingingo ya 64: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora**

**Ingingo ya 65: Uburyo bwo gutora Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu**

**Ingingo ya 66: Uburyo bwo gutora Abasenateri batorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta cyangwa ibyigenga**

**Icyiciro cya 5: Ibikwa ry'impapuro z'itora n'ibikoresho by'itora**

**Ingingo ya 67: Ibikwa ry'impapuro z'itora n'impapuro zibarurirwaho amajwi**

**Ingingo ya 68: Ibikwa ry'ibikoresho by'itora byakoreshejwe mu matora y'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu**

**Ingingo ya 69: Ibikwa ry'ibikoresho by'itora byakoreshejwe mu matora y'Abasenateri batorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta cyangwa ibyigenga**

**UMUTWE WA VII: IBARURA N'IHUZWA RY'AMAJWI**

**Icyiciro cya mbere: Ibyubahirizwa mu ibarura n'ihuzwa ry'amajwi**

**Ingingo ya 70: Ijwi rifatwa nk'imfabusa**

**Ingingo ya 71: Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida**

**Ingingo ya 72: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 73: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu itora**

**Ingingo ya 74: Uburyo itora risubirwamo ku banganyije amajwi ku nshuro ya mbere**

**Ingingo ya 75: Uburyo tombola ikorwa ku banganyije amajwi ku nshuro ya kabiri**

**Icyiciro cya 2: Ibarura n'ihuzwa ry'amajwi**

**Ingingo ya 76: Ibarura ry'amajwi**

**Ingingo ya 77: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'intara**

**Ingingo ya 78: Uburyo bwo gutangaza ibyavuye mu itora**

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 79: Ishyirwaho ry'inyandiko za ngombwa**

**Ingingo ya 80: Ikemurwa ry'ikibazo kigaragaye mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 81: Gutangira gukurikizwa**

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 003/24 YO KU WA 26/07/2024 AGENGA ITORA RY'ABASENATERI RYO MU MWAKA WA 2024**

**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'amatora,**

Ashingiye ku Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 10, iya 24, iya 25, iya 26, iya 28, iya 32, iya 34, iya 36, iya 39, iya 40, iya 41, iya 42, iya 43, iya 46, iya 54, iya 55, iya 67, iya 103 n'iya 104;

Inama y'Abakomiseri, yateranye ku wa 19/07/2024, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agena ibi bikurikira birebana n'itora ry'Abasenateri:

(a) umubare w'abaseseri n'inshingano zabo;

(b) ibirebana n'indorerezi z'itora;

(c) icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora;

(d) itangwa n'iyakirwa rya kandidatire;

(e) uburyo kandidatire zemewe zitangazwamo;

(f) uburyo gukuramo kandidatire bikorwa;

(g) imigendekere y'ibikorwa byo kwiyamamaza;

(h) uburyo abakandida bakoresha inyandiko zimanikwa n'ibindi bibamamaza;

(i) ibirebana n'agasanduku k'itora;

(j) imiterere n'imikoreshereze y'urupapuro rw'itora;

(k) imiterere y'inyandikomvugo z'ibikorwa by'itora mu cyumba cy'itora;

(l) ikusanywa n'ibikwa ry'impapuro z'itora zakoreshejwe;

(m) uburyo tombola ikorwa ku banganyije amajwi;

(n) uburyo gutangaza ibyavuye mu itora bikorwa.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura**

Muri aya mabwiriza:

(a) « **ilisiti y'abagize inteko itora** » ni inyandiko ikubiyemo umwirondoro w'abantu bemerewe gutora Abasenateri;

(b) « **Komisiyo** » ni Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

(c) « **umukomiseri** » ni umukomiseri wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

(d) « **umukorerabushake w'amatora** » ni Umunyarwanda utari umukozi wa Komisiyo, ushyirwaho na Komisiyo, kandi wemererwa na Komisiyo kuyobora amatora.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza areba:

(a) itorwa ry'Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu;

(b) itora ry'umusenateri umwe utorwa mu barimu n'abashakashatsi bo muri Kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta;

(c) itora ry'umusenateri umwe utorwa mu barimu n'abashakashatsi bo muri Kaminuza no mu mashuri makuru byigenga.

**<u>UMUTWE WA II</u>: ILISITI Y'INTEKO ITORA**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Itegurwa ry'ilisiti y'inteko itora Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu**

(1) Inteko itora Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu igizwe n'abagize Biro y'Inama Njyanama z'Imirenge ya buri Karere kagize Intara cyangwa Umujyi wa Kigali, n'abagize Inama Njyanama z'Uturere dufite ubuzima gatozi n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

(2) Ilisiti y'inteko itora Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu itegurwa n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere gafite ubuzima gatozi bireba n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali.

(3) Imiterere y'ilisiti y'abagize inteko itora Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu iri ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 5: Itegurwa ry'ilisiti y'inteko itora Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru**

(1) Inteko itora Umusenateri umwe utorwa muri kaminuza n'amashuri makuru bya Leta igizwe n'abarimu n'abashakashatsi bo muri kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta.

(2) Inteko itora Umusenateri umwe utorwa muri kaminuza n'amashuri makuru byigenga igizwe n'abarimu n'abashakashatsi bo muri kaminuza no mu mashuri makuru byigenga.

(3) Imiterere y'ilisiti y'abagize inteko itora Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru iri ku mugereka wa 2 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 6: Igihe cyo gutangaza ilisiti y'inteko itora**

(1) Ilisiti y'abagize inteko itora y'agateganyo itangazwa bitarenze ku wa 17 Kanama 2024.

(2) Ilisiti y'abagize inteko itora ya burundu itangazwa bitarenze ku wa 01 Nzeri 2024.

**Ingingo ya 7: Ikosorwa ry'ilisiti y'inteko itora**

Komisiyo ikosora ikibazo kigaraga ku ilisiti y'inteko itora y'agateganyo yagejejweho n'uri mu bagize inteko itora, umukandida cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu, mbere yo gutangaza ilisiti y'inteko itora ya burundu.

**UMUTWE WA III: ABAYOBORA AMATORA N'ABANDI BAGIRA URUHARE MU MATORA**

**Icyiciro cya mbere: Abayobora amatora n'inshingano zabo**

**Ingingo ya 8: Abayobora amatora**

Abayobora amatora ni –

(a) Abakomiseri;

(b) abakozi ba Komisiyo;

(c) n'abakorerabushake b'amatora.

**Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'abakorerabushake b'amatora**

Inama y'Abakomiseri ishyiraho abakorerabushake b'amatora ibatoranyije mu bakorerabushake basanzwe, nyuma yo kubakorera isuzuma.

**Ingingo ya 10: Abayobora amatora mu cyumba cy'itora**

Abayobora amatora mu cyumba cy'itora ni umuhuzabikorwa w'itora ku cyumba cy'itora

n'abaseseri.

**Ingingo ya 11: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora**

Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora, mu cyumba cy'itora, ashinzwe ibi bikurikira:

(a) guhuza no kuyobora imirimo y'itora;

(b) kuyobora abaseseri;

(c) kwakira no gukurikirana imikoreshereze y'ibikoresho by'itora;

(d) kuyobora no guha ibisobanuro abaje gutora;

(e) kuzuza no gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'itora;

(f) guharanira ituze ry'ahatorerwa;

(g) kugenzura ko abaje gutora bujuje ibisabwa kugira ngo bemererwe gutora, nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora;

(h) kwakira indorerezi z'itora,

(i) kwakira abahagarariye abakandida;

(j) kwakira abafatanyabikorwa ba Komisiyo;

(k) gukemura impaka zavuka mu cyumba cy'itora;

(l) gufunga no gufungura agasanduku k'itora afatanyije n'abaseseri;

(m) gutegura ibiri bwuzuzwe muri raporo y'abatoye;

(n) gushyikiriza Perezida wa Komisiyo ibyavuye mu itora.

**Ingingo ya 12: Inshingano z'umuseseri wa mbere**

Umuseseri wa mbere mu cyumba cy'itora ashinzwe ibi bikurikira:

(a) kugenzura ko umuntu uje gutora yanditswe ku ilisiti y'abagize inteko itora;

(b) gusuzuma ko icyangombwa kiranga umuntu uje gutora gihuye n'ibyanditswe ku ilisiti y'inteko itora;

(c) kuvivura amazina y'umuntu wemerewe gutora ku ilisiti y'inteko itora;

(d) gutegura inyandikomvugo y'abantu bemerewe gutora ariko batanditswe ku ilisiti y'inteko itora y'icyo cyumba.

**Ingingo ya 13: Inshingano z'umuseseri wa kabiri**

Umuseseri wa kabiri mu cyumba cy'itora ashinzwe ibi bikurikira:

(a) guha umuntu ugiye gutora urupapuro rw'itora no kumwereka uko ruzingwa;

(b) kubarura abantu yahaye impapuro z'itora zitorerwaho;

(c) kwereka umuntu ugiye gutora ubwihugiko atoreramo.

**Ingingo ya 14: Inshingano z'umuseseri wa gatatu**

Umuseseri wa gatatu mu cyumba cy'itora ashinzwe ibi bikurikira:

(a) kwereka umuntu uvuye gutora agasanduku k'itora ashyiramo urupapuro;

(b) kugenzura ko umuntu umaze gutora yashyize urupapuro rw'itora yatoreyeho mu gasanduku k'itora.

**Icyiciro cya 2: Indorerezi z'itora**

**Ingingo ya 15: Indorerezi z'itora zituruka imbere mu Gihugu**

Indorerezi z'itora z'imbere mu Gihugu zishobora guturuka mu nzego zikurikira:

(a) urwego rwa Leta rufite mu nshingano ibifitanye isano n'amatora;

(b) umutwe wa politiki wemewe mu Rwanda;

(c) Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;

(d) umuryango nyarwanda utari uwa Leta ukorera mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ufite mu nshingano ibifitanye isano n'amatora;

(e) umuryango nyarwanda ushingiye ku myemerere ufite ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 16: Indorerezi z'itora zituruka hanze y'Igihugu**

Indorerezi z'itora zituruka hanze y'Igihugu zishobora guturuka mu nzego zikurikira:

(a) umuryango mpuzamahanga;

(b) umuryango mvamahanga utari uwa Leta;

(c) Ambasade cyangwa Konsila y'Igihugu cy'amahanga mu Rwanda;

(d) urwego rushinzwe amatora mu kindi gihugu.

**Ingingo ya 17: Ibisabwa urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora**

Urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora rugaragaza ibi bikurikira:

(a) urutonde rw'indorerezi z'itora rushaka kohereza;

(b) umwirondoro wa buri ndorerezi y'itora;

(c) umuvugizi w'indorerezi z'itora n'umusimbura;

(d) ahantu buri ndorerezi yifuza gukorera.

**Ingingo ya 18: Ibishingirwaho mu kohereza indorerezi z'itora**

(1) Urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora, rwita kuri ibi bikurikira, kuri buri ndorerezi y'itora:

(a) ubumenyi mu mitegurire cyangwa mu migendekere y'amatora cyangwa uburambe mu gukurikirana amatora;

(b) ubunyangamugayo n'ubunyamwuga;

(c) kutabogama;

(d) ubumenyi ku mategeko y'u Rwanda n'amategeko agenga amatora by'umwihariko;

(e) ubumenyi mu mahame mpuzamahanga agenga indorerezi z'itora;

(f) ubumenyi ku muco, amateka, imiterere n'imitegekere by'u Rwanda.

(2) Urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora zituruka hanze y'Igihugu rwita kuri ibi bikurikira by'umwihariko, kuri buri ndorerezi y'itora:

(a) kugira urwandiko rw'inzira rufite agaciro;

(b) kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga n'ayo mu Gihugu yerekeranye n'iby'ubuzima cyangwa iby'umutekano ku binjira cyangwa abasohoka mu Gihugu.

**Ingingo ya 19: Igihe cyo gusaba no kwemererwa kw'indorerezi z'itora**

(1) Urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora rushyikiriza ubusabe Komisiyo guhera ku wa 01 Kanama 2024 kugeza ku wa 15 Nzeri 2024.

(2) Komisiyo yemerera indorerezi z'itora guhera ku wa 01 Kanama 2024 kugeza ku wa 15 Nzeri 2024.

**Ingingo ya 20: Ibiranga indorerezi y'itora**

(1) Indorerezi y'itora yemerewe na Komisiyo gukurikirana ibikorwa by'amatora ihabwa

ibiyiranga byabugenewe.

(2) Indorerezi igomba kwerekana ibiyiranga mu gihe ikurikirana ibikorwa by'amatora.

**Ingingo ya 21: Kwamburwa uruhushya rwo kuba indorerezi y'itora**

(1) Komisiyo ishobora kwambura indorerezi y'itora uruhushya rwo gukurikirana amatora, iyo indorerezi y'itora itubahirije ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

(2) Komisiyo imenyesha mu nyandiko urwego rwohereje indorerezi y'itora ko yambuwe uruhushya rwo gukurikirana amatora, na yo ikagenerwa kopi.

**Ingingo ya 22: Itangira n'isozwa ry'imirimo y'indorerezi y'itora**

Indorerezi y'itora itangira gukurikirana ibikorwa by'amatora ku munsi yemerewe na Komisiyo, ikabisoza ku munsi urwego ihagarariye rushyikirije Komisiyo raporo yayo mu nyandiko.

**Icyiciro cya 3: Abahagarariye abakandida mu cyumba cy'itora**

**Ingingo ya 23: Abemerewe guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora**

Umuntu wemerewe guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

(a) kuba ari umunyarwanda;

(b) kuba yujuje imyaka 18 y'amavuko;

(c) kuba yanditswe ku ilisiti y'itora;

(d) kuba adafite imiziro imubuza gutora;

(e) kuba afite ikarita ndangamuntu cyangwa ikindi cyemezo kiyisimbura.

**Ingingo ya 24: Gusaba uburenganzira bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora**

(1) Umukandida uteganya guhagararirwa mu cyumba cy'itora ashyikiriza Perezida wa Komisiyo urutonde rw'abantu ashaka ko bamuhagararira mu matora mu cyumba cy'itora.

(2) Gusaba uburenganzira bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora bitangira ku wa 01 Nzeri 2024 bikarangira ku wa 12 Nzeri 2024.

(3) Urutonde rw'abasabirwa guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora rugaragaza ibi bikurikira:

(a) amazina y'uzahagararira umukandida;

(b) inomero y'ikarita ndangamuntu ye;

(c) icyumba cy'itora azahagarariramo umukandida.

(4) Imiterere y'urutonde rw'abahagararira umukandida mu byumba by'itora, iri ku mugereka wa 3 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 25: Guhabwa uburenganzira bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora**

(1) Perezida wa Komisiyo atanga uburenganzira bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora, binyuze mu gushyira umukono ku rutonde rw'abahagararira umukandida mu cyumba cy'itora yashyikirijwe, iyo bujuje ibisabwa.

(2) Abahagarariye abakandida mu cyumba cy'itora ntibemerewe kwinjira mu bwihugiko mu masaha yo gutora.

**Ingingo ya 26: Ibiranga uhagarariye umukandida mu cyumba cy'itora**

(1) Uhagarariye umukandida mu cyumba cy'itora yitwaza ibimuranga, igihe cyose ari mu bikorwa by'amatora, bikurikira:

(a) ikarita ndangamuntu ye;

(b) icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora gitangwa n'umukandida ahagarariye.

(2) Imiterere y'icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira umukandida mu cyumba cy'itora iri ku mugereka wa 4 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 27: Ibibujijwe uhagarariye umukandida mu cyumba cy'itora**

Uhagarariye umukandida mu cyumba cy'itora abujijwe –

(a) guhagararira abakandida barenze umwe;

(b) guhagararira umukandida aho atamuhereye uburenganzira;

(c) no guha amabwiriza abayobora amatora.

**UMUTWE WA IV: ITANGWA RYA KANDIDATIRE N'ITANGAZWA RYA KANDIDATIRE ZEMEWE**

**Ingingo ya 28: Igihe cy'itangwa rya kandidatire**

(1) Gutanga kandidatire ku mwanya w'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu no ku w'Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru bitangira ku wa 30 Nyakanga 2024 bikarangira ku wa 06 Kanama 2024.

(2) Kwakira kandidatire bikorerwa ku cyicaro gikuru cya Komisiyo mu minsi y'akazi,

guhera saa tatu za mu gitondo, kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Uburyo bwo gutanga no kwakira kandidatire**

Umuntu wifuza kuba umukandida ku mwanya w'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu no ku w'Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru ashyikiriza Komisiyo, ku giti cye, kandidatire ye mu nyandiko ebyiri zisa ziriho umukono cyangwa igikumwe bye agaragaza aho ashaka gutorerwa.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Ibigize kandidatire**

(1) Ibigize kandidatire ni ibi bikurikira:

(a) umwirondoro ugaragaza –

(i) amazina nk'uko yanditswe ku ikarita ndangamuntu ye;

(ii) itariki y'amavuko;

(iii) aho yavukiye;

(iv) aho aba;

(v) umurimo akora;

(vi) imirimo yakoze;

(b) icyemezo cy'amavuko gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;

(c) amafoto abiri magufi y'amabara afite imbuganyuma y'ibara ry'umweru;

(d) icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu, gitangwa n'Ubushinjacyaha Bukuru;

(e) inyandiko uwifuza kuba umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko zose yatanze ari ukuri;

(f) icyemezo cya muganga gitangwa n'umuganga wemewe ukorera ku Bitaro by'Intara, ku Bitaro bikuru; cyangwa mu Kigo cy'Ubuvuzi no Kwigisha ku rwego rwa Kaminuza;

(g) icyemezo cy'uko yakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa urw'abikorera;

(h) kopi y'ikarita ndangamuntu;

(i) impamyabumenyi nibura y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza cyangwa ihwanye na yo iriho umukono wa noteri;

(j) icyemezo cy'uko akora ku buryo buhoraho cyatanzwe na kaminuza cyangwa ishuri rikuru rya Leta cyangwa iryigenga akoramo, ku mukandida utorerwa muri kaminuza n'amashuri makuru ;

(k) inyandiko yemeza ko yashyizwe nibura ku rwego rw'umwarimu wungirije cyangwa urw'umwarimu w'umushakashatsi wungirije, ku mukandida utorerwa muri kaminuza n'amashuri makuru.

**Ingingo ya 31: Itangazwa rya kandidatire zemejwe burundu**

Komisiyo itangaza urutonde rw'abakandida ku mwanya w'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu n'abatorwa muri kaminuza n'amashuri makuru rwemejwe burundu, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, bitarenze ku wa 17 Kanama 2024.

**Ingingo ya 32: Gukuramo kandidatire**

(1) Umukandida wifuza gukuramo kandidatire ye abimenyesha mu nyandiko Perezida wa Komisiyo.

(2) Iyo gukuramo kandidatire bikozwe urupapuro rw'itora rwarangije gukorwa, urwo rupapuro rukomeza kugira agaciro, ariko Komisiyo ikabimenyesha abatora ikoresheje itangazo rishyirwa muri buri cyumba cy'itora cyangwa ubundi buryo bwo kumenyesha bushoboka.

**UMUTWE WA V: IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA**

**Ingingo ya 33: Gahunda n'ahakorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza**

(1) Komisiyo itegura gahunda ikubiyemo ahantu n'igihe ibikorwa byo kwiyamamaza imbere y'abagize inteko itora bikorerwa ikayimenyesha abakandida n'inteko itora bitarenze ku wa 23 Kanama 2024.

(2) Umukandida ku mwanya w'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu ashobora gutegura gahunda yihariye yo kwiyamamaza akayimenyesha Komisiyo nibura iminsi itatu mbere y'umunsi yifuza kwiyamamazaho akagenera kopi Akarere yifuza gukoreramo igikorwa cyo kwiyamamaza.

(3) Umukandida ku mwanya w'Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru ashobora gutegura gahunda yihariye yo kwiyamamaza akayimenyesha Komisiyo nibura iminsi itatu mbere y'umunsi yifuza kwiyamamazaho akagenera kopi kaminuza cyangwa ishuri rikuru yifuza kwiyamamarizamo.

**Ingingo ya 34: Igihe kigenerwa abakandida cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora**

Iyo kwiyamamaza byateguwe na Komisiyo, abakandida bagenerwa igihe kingana cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora, kitari munsi y'iminota itanu kandi kitarenze iminota 15.

**Ingingo ya 35: Abemerewe kwamamaza umukandida**

(1) Umuntu wemerewe kwamamaza umukandida ni uwanditswe ku ilisiti y'itora.

(2) Umukandida amenyesha Komisiyo abantu yemereye kumwamamaza akagenera kopi urwego rw'ubuyobozi ibikorwa byo kumwamamaza bikorerwamo.

**Ingingo ya 36: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida**

(1) Umuntu wamamaza umukandida yitwaza icyemezo cy'umwimerere kibimuhera ububasha ahabwa n'umukandida.

(2) Imiterere y'icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida iri ku mugereka wa 5 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 37: Ibyitabwaho mu kumanika ibyamamaza abakandida**

Umukandida wifuza kumanika ibimwamamaza abikora ku giti cye cyangwa bigakorwa n'umwamamaza bubahiriza ibyagenwe n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge, cyangwa ibyo yumvikanye na nyir'umutungo agiye kumanikaho ibimwamamaza.

**Ingingo ya 38: Ahemerewe kumanikwa ibyamamaza abakandida**

Abakandida bemerewe kumanika ibibamamaza –

(a) ku nyubako za Leta, ahagenwa n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge;

(b) ku nyubako z'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirazo;

(c) ku binyabiziga by'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirabyo;

(d) ku bindi bintu by'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirabyo.

**Ingingo ya 39: Ahatemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida**

Abakandida ntibemerewe kumanika ibibamamaza –

(a) ku mavuriro;

(b) ku nsengero;

(c) ku ngoro z'ubutabera;

(d) ku nkingi z'amashanyarazi uretse iziriho ibyapa byagenewe kwamamaza hakurikijwe amabwiriza abigenga.

**Ingingo ya 40: Ibibujijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza**

Ibibujijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza ni ibi bikurikira:

(a) gukoresha umutungo wa Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko;

(b) gutanga no kwakira ruswa;

(c) gukora cyangwa kuvuga icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;

(d) gushingira ku ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa amacakubiri;

(e) gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;

(f) kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

(g) guca, kwangiza, cyangwa gusibanganya ifoto y'undi mukandida n'ikindi cyose kimwamamaza;

(h) kwiyamamariza ahantu hatamenyeshejwe ubuyobozi nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

(i) guhamagarira abaturage gukora igikorwa cyangwa kugira imyifatire byahungabanya imigendekere myiza y'amatora;

(j) gukoresha ibirango by'Igihugu ku mafoto cyangwa ku nyandiko byamamaza umukandida;

(k) gukoresha ibimenyetso by'undi mukandida;

(l) gukoresha ibirango by'Umutwe wa Politiki ku mafoto cyangwa ku nyandiko byamamaza umukandida;

(m) kwiyamamaza mu izina ry'umutwe wa politiki;

(n) kwiyamamaza hakoreshejwe imbuga za murandasi cyangwa imbuga nkoranyambaga z'inzego za Leta cyangwa iz'ibigo bigamije inyungu rusange.

**Ingingo ya 41: Gukemura ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, iyo havutse ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza, abakandida bashobora kubishyikiriza Komisiyo. Iyo ibyo bibazo bidakemutse ku rwego rwa Komisiyo, uruhande rubifitemo inyungu rushobora kubiregera urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA VI: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA**

**Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'ahakorerwa itora**

**Ingingo ya 42: Imenyekanisha ry'ibyumba by'itora**

Komisiyo imenyekanisha ibyumba bikoreshwa mu itora ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, nibura iminsi itatu mbere y'umunsi w'itora.

**Ingingo ya 43: Ahakorerwa itora ry'Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu**

Komisiyo igena ahatorerwa Abasenateri batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu hakurikira:

(a) ku rwego rwa buri karere ko mu Ntara;

(b) ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, mu Mujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 44: Ahakorerwa itora ry'Abasenateri batorwa muri kaminuza n'amashuri makuru**

(1) Komisiyo igena ahatorerwa umusenateri utorwa muri kaminuza n'amashuri makuru bya Leta, ku rwego rw'Igihugu.

(2) Komisiyo igena ahatorerwa umusenateri utorwa muri kaminuza n'amashuri makuru byigenga, ku rwego rw'Igihugu.

**Ingingo ya 45: Itegurwa ry'ahatorerwa**

(1) Abayobora amatora bategura icyumba cy'itora nibura umunsi ubanziriza uw'itora.

(2) Abayobora amatora, bakimara kwakira ibikoresho by'itora, basuzuma ko ibikoresho bimeze neza kandi byuzuye hashingiwe ku bikenewe mu cyumba cy'itora.

**Ingingo ya 46: Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora mu gihe cy'itora**

Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora, itora rigikorwa, ni aba bakurikira:

(a) umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora;

(b) umuseseri;

(c) uri mu bagize inteko itora;

(d) uhagarariye Komisiyo kandi ufite ikimuranga;

(e) uhagarariye umukandida kandi ufite ikimuranga;

(f) indorerezi y'itora kandi ifite ikiyiranga;

(g) umunyamakuru kandi ufite ikimuranga;

(h) ushinzwe umutekano igihe yitabajwe n'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora.

**Ingingo ya 47: Ibibujijwe mu cyumba cy'itora**

Ibikorwa bikurikira birabujijwe mu cyumba cy'itora:

(a) kwinjira mu bwihugiko mu masaha yo gutora utagiye gutora. Icyakora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ashobora kwinjira mu bwihugiko iyo nta muntu utora urimo hagamijwe kureba ko ibikoresho by'itora bikiri mu mwanya wabyo;

(b) gufotorera mu bwihugiko umuntu urimo gutora;

(c) gufotora urupapuro rw'itora rwatoreweho.

**Icyiciro cya 2: Ibikoresho by'amatora**

**Ingingo ya 49: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora**

Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora ni ibi bikurikira:

(a) agasanduku k'itora n'umufuniko wako;

(b) imigozi yabugenewe yo gufunga agasanduku k'itora;

(c) ilisiti y'abagize inteko itora;

(d) impapuro z'itora zitari munsi y'umubare w'abari ku ilisiti y'abagize inteko itora y'icyo cyumba;

(e) *tampon spécial* muri buri cyumba cy'itora;

(f) impapuro zibarurirwaho amajwi;

(g) amabahasha;

(h) imigereka iteganywa n'aya mabwiriza yuzuzwa ku munsi w'itora;

(i) marikeri;

(j) umukasi;

(k) amakaramu;

(l) n'ibindi byakenerwa.

**Ingingo ya 50: Imiterere y'urupapuro rw'itora**

(1) Urupapuro rw'itora mu itora ry'Abasenateri rufite ibara ry'umweru kandi ruriho ibi bikurikira:

(a) amazina y'umukandida;

(b) ifoto y'umukandida;

(c) umwanya wagenewe guterwamo igikumwe cyangwa kuvivurwamo mu gihe cyo gutora.

(2) Amazina y'abakandida atondekwa ku rupapuro rw'itora hakurikijwe uko kandidatire zabo zakurikiranye zakirwa.

**Icyiciro cya 3: Ibireba abatora, igihe n'imihango yubahirizwa mu itora**

**Ingingo ya 51: Ibyangombwa umuntu uje gutora yitwaza**

Umuntu uri mu bagize inteko itora uje gutora yitwaza ikarita ndangamuntu ye, iyo atayifite yitwaza icyangombwa gisimbura ikarita ndangamuntu cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha. Iyo adafite kimwe muri ibyo byangombwa, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura.

**Ingingo ya 52: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**

(1) Itora ritangira saa tatu za mu gitondo rigasozwa saa saba z'amanywa.

(2) Icyakora, Perezida wa Komisiyo ashobora gutanga uburenganzira bwo gusoza itora mbere ya saa saba z'amanywa, iyo abagize inteko itora ku rwego rw'ifasi y'itora bamaze gutora bose.

(3) Itora ritangira iyo hari nibura kimwe cya kabiri cy'umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora ku rwego rw'ifasi y'itora, bimaze kwemezwa na Perezida wa Komisiyo abisabwe n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'iyo fasi.

(4) Iyo saa sita z'amanywa zigeze kimwe cya kabiri cy'abagize inteko itora ku rwego rw'ifasi y'itora kitaruzura, itora rirasubikwa rigasubukurwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi uhereye ku munsi itora risubikiwe kuri iyo fasi.

**Ingingo ya 53: Igihe ntarengwa cyo kongera igihe cy'itora**

Igihe ntarengwa cyo kongera igihe cy'itora ni saa kumi n'ebyiri z'umugoroba.

**Ingingo ya 54: Isaha abayobora amatora bagerera mu cyumba cy'itora**

Ku munsi w'itora, abayobora amatora bagera mu cyumba cy'itora bitarenze saa mbiri za mu gitondo.

**Ingingo ya 55: Ibikorwa mbere yo gutangira gutora**

Mbere yo gutangira gutora, abayobora amatora bakora mu buryo bukurikiranye ibikorwa bikurikira:

(a) kurahira;

(b) kugenzura ko ibikoresho by'amatora byose biri mu mwanya wabyo;

(c) gusobanurira abantu bahari uko amatora ari bugende;

(d) gufungura agasanduku k'itora no kwereka abantu bahari ko nta kintu kirimo;

(e) gufunga agasanduku k'itora;

(f) kubarura impapuro z'itora ziri mu cyumba cy'itora;

(g) kugena no kugenzura imyanya y'abemerewe kwicara mu cyumba cy'itora;

(h) kugenzura ko ubwihugiko bw'itora buteguye neza;

(i) kuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

**Ingingo ya 56: Indahiro y'abayobora amatora**

(1) Mbere yo gutangiza itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri barahirira imbere y'abantu bahageze.

(2) Abamaze kurahira bose bashyira umukono ku nyandiko y'indahiro yabo.

(3) Imiterere y'indahiro y'abayobora amatora iri ku mugereka wa 6 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 57: Gusobanura uko amatora agenda**

Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora asobanurira, muri make, abantu baje gutora ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutora n'inzira y'itora.

**Ingingo ya 58: Gufunga agasanduku k'itora**

(1) Mbere yo gutangira itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bafunga agasanduku k'itora mu mpande enye bakoresheje imigozi yabugenewe.

(2) Iyo itora rirangiye, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bafunga agasanduku k'itora mu mwanya wanyuzwagamo impapuro z'itora bakoresheje umugozi wabugenewe.

**Ingingo ya 59: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora**

(1) Nyuma yo kurahira no gusobanurira abantu bahari uko itora riri bugende, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

(2) Imiterere y'inyandikomvugo itangiza itora iri ku mugereka wa 7 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 60: Abemererwa gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora**

(1) Abemererwa gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora ni abantu bari ku murongo w'abaje gutora kandi bahageze mbere y'uko isaha yo gusoza itora igera.

(2) Abo bantu bemererwa gukomeza gutora kugeza igihe bose barangirije gutora.

**Ingingo ya 61: Iyongerwa ry'igihe cyo gutangira cyangwa gusoza itora**

(1) Iyo hari impamvu ituma itora ridatangirira igihe cyangwa ridasorezwa igihe, abatoresha bashobora guhindura isaha yo gutangira cyangwa iyo gusoza itora nyuma yo kubimenyesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo.

(2) Icyemezo cyo guhindura isaha yo gutangira cyangwa iyo gusoza itora gishyirwa mu bikorwa bimaze kwemezwa na Perezida wa Komisiyo.

(3) Iyo guhindura isaha yo gutangira cyangwa iyo gusoza itora bimaze kwemezwa, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora abikorera inyandikomvugo.

(4) Imiterere y'inyandikomvugo yongera igihe cyo gutangira cyangwa icyo gusoza itora iri ku mugereka wa 8 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 62: Isubikwa ry'itora**

(1) Iyo hari impamvu ishobora gutuma itora risubikwa, umuhuzabikorwa w'itora ku rwego bireba abimenyesha Perezida wa Komisiyo.

(2) Icyemezo cyo gusubika itora, gifatwa na Perezida wa Komisiyo, akabimenyesha abo bireba.

(3) Iyo gusubika itora bimaze kwemezwa, uyobora amatora ku rwego itora ryasubitsweho abikorera inyandikomvugo.

(4) Komisiyo imenyesha abo bireba bose ibijyanye n'isubukurwa ry'itora ryasubitswe.

(5) Imiterere y'inyandikomvugo isubika itora iri ku mugereka wa 9 w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 63: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora mu cyumba cy'itora**

(1) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bakora inyandikomvugo isoza itora mu cyumba bashinzwe. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 10 w'aya mabwiriza.

(2) Iyo inyandikomvugo isoza itora imaze gukorwa, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afungira agasanduku k'itora batoreyemo, mu ruhame.

(3) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri begeranya –

(a) umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora y'icyumba cy'itora;

(b) Umubare w'abantu batoreye mu cyumba cy'itora ariko batari banditswe muri icyo cyumba cy'itora;

(c) umubare w'abantu batoye;

(d) umubare w'impapuro z'itora zakoreshejwe muri icyo cyumba;

(e) n'umubare w'impapuro z'itora zitakoreshejwe muri icyo cyumba.

**Icyiciro cya 4: Uburyo gutora bikorwa**

**Ingingo ya 64: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora**

